

Guhera ku ya 21 Werurwe 2022, Ishami ry'ubuzima rya Lexington-Fayette (LFCHD) ntirizongera kuvugana na buri muntu ku giti cye wabonye ibisubizo by'uko afite ubwandu bw'indwara ya COVID-19.

Iri hinduka mu mikorere yacu ryashyizweho nyuma yo gusesengura neza amakuru hamwe n'inama zatanzwe n'abashinzwe Ubuzima Rusange. Impuguke mu by'ubuzima rusange zemeza ko iperereza ryimbitse kuri bose no gukurikirana abanduye bitakiri ngombwa muri iki cyiciro cy'icyorezo. LFCHD izibanda ku gukora iperereza ahantu hashobora kwibasirwa cyane, ahakoranira imbaga nyamwinshi hamwe n'abakora mu bantu bashobora kwandura vuba.

Mu rwego rwo guhindura imikorere, turashishikariza abashoramari gushaka ubundi buryo bwo gushyira mu kato cyangwa gusaba iryo tegeko muri LFCHD kugira ngo bahe umukozi ikiruhuko cy'uburwayi ku bijyanye na COVID-19. Ivugurura rishobora kubamo kwemera kopi y'ibisubizo byerekanye ubwandu no kubuza abakozi bagaragaza ibimenyetso bya COVID-19 kuza ku kazi. LFCHD ikomeje gushishikariza abagaragaza ibimenyetso bya COVID-19 kwiha akato no kwambara agapfukamunwa (mask).

Kuri wowe, iri hinduka mu mikorere yacu rizasobanura ibi bikurikira:

- LFCHD ntizongera gutanga amategeko y'akato n'aya karantine cyangwa uburenganzira bwo gusubira ku kazi cyangwa kw'ishuri. Niba ukeneye icyemezo cyerekana ko wapimwe ubwandu bwa COVID 19 nk'ibisabwa n'umukoresha wawe cyangwa ishuri, ushobora kubona kopi y'ibisubizo byawe uyihawe na muganga wategetse gukoresha ibyo bizamini cyangwa muri laboratoire yapimye ibyo bizamini. Ushobora gusabwa kuzuza urupapuro rw'inyandiko z'ubuvuzi kugira ngo ubone kopi y'ibisubizo byawe.
- Niba warapimwe ugatorwa COVID-19 cyangwa ukaba warahuye n'umuntu wapimwe COVID-19, nyamuneka ukurikize amategeko atangwa n'ishami ry'Ubuzima Rusange rya Kentucky (KDPH) <https://govstatus.egov.com/kycovid19> hamwe n'ikigo gishinzwe kurwanya no kwikingira indwara (CDC) <https://www.cdc.gov/coronavirus/2019-nCoV/index.html>. Nyamuneka menyesha ababaye hafi yawe bose kugira ngo batangire kwiha akato niba bisabwa. Nyamuneka reba amategeko atangwa na CDC ku bijyanye n'icyo bise abakubaye hafi.
- Niba waratanze aderesi imeri ku basabye ikizamini cya COVID-19 cyangwa muri laboratoire yagupimye, kandi iyo imeri igahabwa Ishami ry'Ubuzima, uzabona imeri ijyanye n'iby'ubushakashatsi.
- Niba ushaka kuzuza iby'ubwo bushakashatsi, ohereza imeri kuri covidinterview@lfchd.org Nyamuneka tanga kopi y'ibisubizo by'uko watowe COVID-19. Niba warabonye ibisubizo byerekana COVID-19 ubipimiye mu rugo, LFCHD ntishobora kwemera ibyo bisubizo.
- Ku bibazo cyangwa impungenge zihariye ku bijyanye na COVID-19, ushobora guhamagara ikigo cyacu cya COVID-19 kuri 859-899-2222 cyangwa ugasura urubuga rwacu ku bindi wakenera hamwe n'amategeko kuri www.lfchd.org
- LFCHD ikomeje gutanga randevu zisabiweho zo guhabwa inkingo za COVID-19 ku buntu hamwe na busta (Moderna cyangwa Pfizer) mu makiriniki yacu y'Ubuzima Rusange ku wa mbere, ku wa gatatu no ku wa kane. Nyamuneka hamagara kiriniki yacu y'Ubuzima Rusange kuri 859-288-2483 kugira ngo usabe randevu.
- Niba uri umukoresha wahuye n'icyorezo cya COVID-19 mu kigo cyawe, ukaba ukeneye ubufasha, twandikire kuri covidexposure@lfchd.org